# 374: Uyu mwana w'uruhinja ni nde

1. Uyu mwana w'uruhinja ni nde,
Wabyawe n'umukene?
Dor' aryamye mu kiraro cy'inka
Kukw icumbi ryabuze.
N' Umuremyi w’isi yose;
Ni W' uhindutse muto; N' Uwiteka
Nyirigira Utaremw’udashira.

2. Uyu ni nde wishwe n'agahinda,
Wuzuy' umubabaro,
Uj' ashak' imbata za Satani,
Byos' abyihanganira ?
Ni We Mana yacu nziza idutunganiriza
lbibanza byo mw ijuru
N'ibyishimo by'iteka.

3. Uyu ni nd' uv’ amaraso cyane,
Agahemurwa rwose,
Agakubitw' ibipfunsi n'inshyi,
Ntagir' umurengera?
Ni We Man’ ih' imigisha
Abo yicunguriye, Kand' izacir’urubanza
Abayisuzuguye.

4. Uyu ni nd' ubambwe n'abagome
Hagati y'abambuzi?
Dor’ afit’ amahwa mu ruhanga :
Arashinyagurirwa !
Ni We Mana yimy’ iteka
Mw ijuru ryera rya Se,
Igahimbazwa n'abera
Yacunguj' amaraso.